

REPUBLIC OF RWANDA



MINISTRY OF EMERGENCY MANAGEMENT
P.O. BOX 4386

IBIZASHINGIRWAHO MU MARUSHANWA YA "YOUTH CONNEKT AWARDS 2019"

Urubwiruko ruba mu nkambi z'impunzi hamwe n'Urubwiruko rw'impunzi rutuye mu mijyi barasabwa guhitamo imishinga y'intangarugero. Iyo mishinga ishobora kuba ishyirwa mu bikorwa na "Company", umuntu ku giti cyane cyangwa se Koperative. Kugira ngo bigende neza, buri nkambi y'impunzi izatoranywamo ba Rwiyezamazirimo 13 bazayihagararira ku rwego rw'igihugu. Ku rwego rw'igihugu hazarushanwa imishinga 78 izaba yatsinze ku rwego rw'Inkambi, naho ku rwego rw'imijyi hazarushanwa imishinga 12.

A. IBIGOMBA KUBA BYUJUJWE N'UZAJYA MU MARUSHANWA

1. Kuba ari impunzi;
2. Kuba afite hagati y' imyaka 16-30 y'amavuko;
3. Kuba umushinga umaze byibura amezi atandatu (6) ukora
4. Kuba Company/Koperative yanditse ku buryo bwemewe n'amategeko (ibyangombwa bitangwa n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA), Akarere, Umurenge cyangwa RDB).
Kugirango Koperative izemererwe kurushanwa, ni uko nibura 70% by'abayigize baba ari urubwiruko. Ku byerekeye abakora ubucuruzi badafite ibya ngombwa byemewe n'amategeko bazashaka kwitabira irushanwa, barasabwa kuzerekana icyemezo bazahabwa n'umufatanyabikorwa cyangwa umuyobozi w'inkambi.
5. Kuba ufite/ifite konti muri Banki cyangwa mu Kigo cy'imari giciriritse/SACCO.
6. Abashyizwe muri gahunda yo kuzimurirwa mu bindi bihugu ntibemerewe kurushanwa.

B. UBURYO BWO GUSABA

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'inkambi
2. Inyandiko isobanura umushinga
3. Ifishi yuzuzwa n'usaba kwitabira amarushanwa
4. Kopi y'icyangombwa gitangwa na RCA cyangwa RDB cyangwa icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'inkambi cyangwa umufatanyabikorwa
5. Kopi y'ikarita iranga impunzi cyangwa y'icya ngombwa kiranga impunzi (PoR)

NB: Izo nyandiko zigomba gushyikirizwa ubuyobozi bw'inkambi

C. ABAGOMBA KUBA BAGIZE ITSINDA RIHITAMO IMISHINGA IZAHAGARARIRA AKARERE (uzuzamo abafatanyabikorwa)

1. Umuyobozi w'inkambi cyangwa umukozi wa MINEMA mu nkambi
2. Umufatanyabikorwa ukora mu bijyanye n'Ubucuruzi/Livelihoods mu nkambi
3. Umukozi wa UNHCR mu nkambi ubishinzwe
4. Impunzi ziba mu mijyi zizakosorwa na bamwe mu bazakurikirana igikorwa ku rwego rw'igihugu

D. IBIZASHINGIRWAHO (100/100)

	Ibizashingirwaho	Score/100
1.	Kuba ari agashya (Innovation): <ul style="list-style-type: none">- Umwimerere: 15 Scores- Kugaragaza uko akoresha ICT (Information and Communication Technology) muri "transformation" no mu kumenyekanisha ibyo akora: 15 Scores- Value Addition: 5 Scores- Ibikoresho (Inputs)/materials) hitabwa kuri "Local Products" cyangwa se kubyaza umusaruro ibisigazwa cyangwa ibikoresho bishaje: 5 Scores	40
2.	Guhanga imirimo "Job Creation": <ul style="list-style-type: none">- Umubare w'Abantu akoresha=8 Scores (1pt/1 job)- Umutekano ku kazi n'isuku: 3 Scores;- Uburinganire bw'ibitsina byombi: 4 Scores.	20
3.	Kuba hari amahirwe agaragara yo gutera imbere (potential to grow) <ul style="list-style-type: none">- Icyerekezo cy'uburyo bwo kwaguka n'ubwiyongere bw'umusaruro (Potential Revenues Projections)= 10 Scores;- Igisubizo ku byo isoko rikeneye/ Response to the markets needs/Market Failure= 5 Scores- Uburyo ashakisha Isoko/Marketing Strategy = 5 Scores	20

	Ibizashingirwaho	Score/100
4.	<p>Kugaragaza uruhare yagize mu guteza imbere aho umushinga ukorera:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Uburyo hakemutse Ibibazo by'ingutu byari byugarije aho umushinga ukorera= 4 Scores - Kwigisha abandi /Skills-Technology Transfer = 4 Scores - Kubungabunga/kutabangamira ibidukikije= 2 Scores 	10
5.	Gukorana n'amasoko yo hanze y'Igihugu (Export)	10

